Kongere y’Umurenge, Akagali n’Umudugudu igizwe abagize inama y’ubuyobozi, Komite nyobozi, uhagarariye uruburako n’uhagarariye abari n’abategarugori kuri buri rwego. <u>Ingingo ya 28: Inshingano za Kongere y’Umurenge, Akagari n’Umudugudu</u> Inshingano za Kongere y’Umurenge, Akagali n’Umudugudu ni izi zikurikira: a) Gutora abagize Komite y’Umurenge; b) Gusuzuma ibibazo byose bireba imibereho ya PSP kuri buri rwego; c) Gutanga ibitekerezo ku byatuma PSP ikora neza kuri buri rwego; d) Kwemeza raporo y’umwaka ireba ibikorwa bya PSP; e) Kugira ibyo uvuga ku bakandida bashakira kwiyamamaza ku myanya y’ubuyobozi bukuru bwa PSP; f) Gufata ibyemezo ku byatuma PSP ikora neza kuri buri rwego. Kongere y’umurenge iterana rimwe mu mezi 12 n’igihe cyose bibaye ngombwa. Kongere y’Akagali iterana rimwe mu mezi 10 n’igihe cyose bibaye ngombwa. Naho Kongere y’Umudugudu iterana rimwe mu mezi 8	The Sector or Cell Congress is constituted of the members of the Executive Council, the Executive Committee, a youth’s and a women’s representative at each organ level. <u>Article 28: Attributions of Sector, Cell or Village Congress</u> The following are the attributions of the Sector, Cell or Village Congress: - a)Elect the members of the Sector Committee; Handle all issues pertaining to the life of the Party at each organ level; - b)Express opinions about initiatives to be taken to enable the Party to better operate at each organ level; - c)Approve the annual progress report on the activities of the Party; - d)Express its opinion about the candidates to the Party’s high-level leadership posts; - f)Make decisions likely to help the Party operate better at each organ level. The Sector Congress meets once a year and whenever required. The Cell Congress meets every ten (10) months and whenever required. The Village Congress meets every eight months and whenever required.	Le Congrès de Secteur ou de Cellule est constitué des membres du Conseil exécutif, du Comité exécutif, d’un représentant de la jeunesse et d’une représentante des femmes à chaque organe. <u>Article 28 : Attributions du Congrès de Secteur, Cellule ou de Village</u> Les attributions du Congrès de Secteur, de Cellule ou de Village sont les suivantes : - a)élire les membres du Comité de Secteur ; examiner toutes les questions relatives à la vie du Parti à chaque organe ; - b)exprimer les opinions sur les initiatives à prendre pour permettre au Parti de mieux fonctionner à chaque organe ; - c)approuver le rapport annuel d’activités du Parti ; - d)exprimer son avis sur les candidats désireux de se faire élire aux postes de direction supérieure du Parti ; - f)prendre les décisions pouvant aider le Parti à mieux fonctionner à chaque organe. Le Congrès de Secteur se réunit une fois par an et autant de fois que de besoin. Le Congrès de Cellule se réunit une fois les dix(10) mois et autant de fois que de besoin. Le Congrès de Village se réunit une fois les 8 mois et autant
--	--	---

n'igihe cyose bibaye ngombwa. Kongere itumizwa kandi iyoborwa na Perezida wa PSP kuri buri rwego. <u>ICYICIRO CYA 4 : INZEGO Z'UBUYOBOZI ZA PSP KU RWEGO RW'AKARERE</u> <u>Ingingo ya 29:</u> Inzego z'ubuyobozi za PSP mu Karere Urwego rw'Akarere rugizwe : a) Inama y'Akarere; b) Komite y'Akarere; d) Kongere y'Akarere. <u>Ingingo ya 30:</u> Abagize Inama y'Akarere Inama y'Akarere igizwe: - Abagize Komite y'Akarere , - Uhagararira buri murenge uturwa n'Inama y'Umurenge , - Uhagarariye Urubyiruko, n'uhagarariye Abari n'Abategarugori. Abagize Inama y'Akarere batorerwa manda y'imyaka ine ishobora kongerwa inshuro nyinshi. Inama y'Akarere itumizwa kandi ikayoborwa na perezida wa PSP ku rwego rw'Akarere. <u>Ingingo ya 31:</u> Inshingano z'Inama	The President of each organ convenes and chairs the Congress Meeting. <u>SECTION 4 : PSP'S ORGANS AT DISTRICT LEVEL</u> <u>Article 29:</u> PSP's organs at District Level The District organ is constituted of: the District Council; the District Committee; the District Congress. <u>Article 30:</u> Members of District Council The District Council is constituted of: the members of the District Committee; a representative from each sector, elected by the Sector Council; a youth's and a women's representative. The District Council members are elected for a four-year term renewable several times. The District Council is convened and chaired by the Party's chairperson at District level. <u>Article 31:</u> Attributions of District Council	de fois que de besoin. Le Congrès est convoqué et présidé par Président de chaque organe. <u>SECTION 4 : LES ORGANES DU PSP AU NIVEAU DU DISTRICT</u> <u>Article 29 :</u> Les organes du PSP au niveau de District L'organe de district est constitué : du Conseil de district ; du Comité de district ; du Congrès de district. <u>Article 30 :</u> Les membres du Conseil de District Le Conseil de district est constitué : des membres du Comité de district ; d'un représentant de chaque Secteur élu par le Conseil de Secteur ; d'un représentant de la jeunesse et d'une représentante des femmes. Les membres du Conseil de district sont élus pour un mandat de quatre (4) ans renouvelables plusieurs fois. Le Conseil de district est convoqué et présidé par le Président du Parti au niveau de district. <u>Article 31 :</u> Les attributions du Conseil de
---	--	--

y'Akarere Inshingano z'Inama y'Akarere ni izi zikurikira: - Gutegura inama ya Kongere y'Akarere ; - Kugira inama inzego zisumbuye za PSP kuri Politiki ikwiye gukurikizwa; - Kwemerere abayoboke bashyashya; - Gukurikirana uko Komite y'Akarere ishyira mu bikorwa ibyemezo byavuye muri Kongere y'Akarere no mu nzego nkuru za PSP; - Gutora uhagarariye urubiruko n'uhagarariye abari n'abategarugori; - Gukurikirana imyitwarire n'imikorere y'abayoboke ba PSP no gufatira ibyemezo abagaragayeho amakosa mu rwego rw'Akarere; - Kwemeza imishinga yakorwa mu rwego rw'Akarere ; - Kwemeza abakozi mu rwego rw'Akarere.	The following are the attributions of the District Council: Prepare the meetings of the District Congress; Advise the Party's superior organs about the appropriate politics to be followed; Accept new membership applications; Monitor how the District Committee implements the decisions of the District Congress and those of the Party's superior organs; Elect a youth's and a women's representative; Follow closely the behaviours and the performance of Party's members and take disciplinary measures against those convicted of having committed offences at District level; Approve the Projects to be implemented at District level; Approve staff members at District level.	District Les attributions du Conseil de district sont les suivantes : préparer la réunion du Congrès de district ; conseiller les organes hiérarchiques du Parti sur la politique convenable à suivre ; accepter les demandes d'adhésion des nouveaux membres ; faire le suivi de la manière dont le Comité de district met en œuvre les décisions du Congrès de district et celles des organes supérieurs du Parti ; élire un représentant de la jeunesse et une représentante des femmes ; faire le suivi des comportements et de la performance des membres du Parti et prendre des mesures disciplinaires à l'encontre de ceux reconnus coupables d'avoir commis des délits au niveau de district; approuver les projets à exécuter au niveau de district; approuver les employés au niveau de district.
<u>Ingingo ya 32: Abagize Komite y'Akarere</u> Komite y'Akarere igizwe na: - Perezida; - Vice-Perezida; - Umwanditsi; - Umubitsi. Abagize komite y'Akarere batorwa na Kongere y'Akarere. Batorerwa manda	<u>Article 32: District' Committe members</u> The District's Committee is constituted of: - the President; - the Vice-President; - the Secretary; and - the Treasurer The District Congress elects District Committee members for a five-year term	<u>Article 32 :Les members du Comité de District</u> Le Comité de district est constitué : - du Président ; - du Vice-président ; - du Secrétaire ; - du Trésorier. Les membres du Comité de district sont élus par le Congrès de district pour un mandat de

y'imyaka itanu(5) ishobora kongerwa inshuro nyinshi. Komite y'Akarere iterana nibura rimwe mu mezi atandatu(6) n'igihe cyose bibaye ngombwa. <u>Ingingo ya 33: Inshingano za Komite y'Akarere</u> Inshingano za komite y'Akarere ni izi zikurikira: - Gutumira Inama y' Akarere ya PSP ; - - Kubahiriza no gushyira mu bikorwa amabwiriza n'ibyemezo by'inzego zisumbuye za PSP ; - Kwamamaza amatwara ya PSP mu Karere ; - Guhuza ibikorwa byose bya PSP mu Karere; - Gukorera Komite Nyobozi y'Intara n'Umujiyi wa Kigali raporo y'ibikorwa bya PSP mu Karere ; - Kugira inama inzego zisumbuye ihereye ku bitekerezwa n'ibyifuzo by'abayoboze bo mu Karere. <u>Ingingo ya 34: Abagize Kongere y'Akarere na manda yabo</u> Kongere y'Akarere igizwe na : - Abagize Inama y'Akarere ; - Abagize Komite y'Akarere ; - Uhagarariye urubiruko n'uhagarariye abari n'abategarugori.	renewable several times. The District Committee meets at least once every six (6) months and whenever required. <u>Article 33: Attributions of District Committee</u> The following are the attributions of the District Committee: Convene PSP's meetings at District level; Respect and implement the guidelines and decisions from PSP's superior organs; Make PSP's propaganda in the District; Coordinate all PSP's activities in the District; Prepare a District progress report to be transmitted to the Provincial and Kigali City Executive Committee; Advise superior organs on basis of ideas and recommendations from the members based in the District. <u>Article 34: Mandate of District congress members</u> The District Congress is constituted of: the District Council members; the District Committee members, a youth's and a women's representative.	cinq (4) ans renouvelables plusieurs fois. Le Comité de district se réunit au moins une fois les six (6) mois et autant de fois que de besoin. <u>Article 33 : Les attributions du Comité de District</u> Les attributions du Comité de district sont les suivantes : convoquer les réunions du P.S.P au niveau de district ; respecter et mettre en application les directives et décisions des organes hiérarchiques du P.S.P; faire la propagande du P.S.P dans le District ; coordonner toutes les activités du P.S.P dans le District ; préparer à l'intention du Comité exécutif provincial et de la Ville de Kigali le rapport d'activités du P.S.P dans le District ; conseiller les organes hiérarchiques sur base des idées et des recommandations de la part des membres du Parti dans le District. <u>Article 34 : Le mandat des membres du congrès de District</u> Le Congrès de district est constitué : des membres du Conseil de district ; des membres du Comité de district ; d'un représentant de la jeunesse et d'une représentante des femmes.
---	---	--

Abagize inama y'Akarere batorerwa manda y'imyaka ine (4) ishobora kongerwa inshuro nyinshi. Kongere y'Akarere iterana rimwe mu mezi 15 n'igihe cyose bibaye ngombwa ikayoborwa na Perezida wa PSP ku rwego rw'Akerere. <u>Ingingo ya 35: Inshingano za Kongere y'Akarere</u> Inshingano za Kongere y'Akarere ni izi zikurikira : a) Gutora abagize Komite y'Akarere n'Inama y'Akarere ; b) Kwemerera abayoboke bashyashya ; c) Gusuzuma ibibazo byose bireba imibereho ya PSP mu rwego rw'Akarere; d) Gutanga ibitekerezo ku byatuma PSP ikora neza mu Karere; e) Kwemeza raporo y'umwaka ireba ibikorwa bya PSP; f) Kugira ibyo uvuga ku bakandida bashaka kwiyamamaza ku myanya y'ubuyobozi bukuru bwa PSP; g) Gufata ibyemezo ku byatuma PSP ikora neza mu Karere. <u>ICYICIRO CYA 5 : INZEGO ZA PSP MU NTARA NO MU MUJYI WA KIGALI</u>	The District Council members are elected for a four-year term renewable several times. The District Congress meets every fifteen (15) days and whenever required. The Party's Chairperson at District level convenes the District Council meeting. <u>Article 35: Attribution of District Congress</u> The following are the attributions of the District Congress: A) Elect the District Committee and District Council members; b) Accept new membership applications; c) Handle all issues pertaining to the life of the Party at District level; d) Express opinions about initiatives to be taken to enable the Party to better operate in the District; f) Approve the annual progress report on the activities of the Party; g) Express its opinion about the candidates to the Party's high-level leadership posts; Make decisions likely to help the Party operate better in the District. <u>SECTION 5 : INZEGO ZA PSP MU NTARA NO MU MUJYI WA KIGALI</u>	Les membres du Conseil de district sont élus pour un mandat de quatre (4) ans renouvelables plusieurs fois. Le Congrès de district se réunit une fois les quinze (15) mois et autant de fois que de besoin. Il est convoquée et présidée par le Président du Parti au niveau de District. <u>Article 35: Attributions du Congrès de District</u> Les attributions du Congrès de district sont les suivantes : - élire les membres du Comité de district et du Conseil de district ; - accepter les demandes d'adhésion des nouveaux membres ; - examiner toutes les questions relatives à la vie du Parti au niveau de district; - exprimer les opinions sur les initiatives à prendre pour permettre au Parti de mieux fonctionner dans le district; - approuver le rapport annuel d'activités du Parti ; - exprimer son avis sur les candidats désireux se faire élire aux postes de direction supérieure du Parti ; - prendre les décisions pouvant permettre au Parti de mieux fonctionner dans le district. <u>SECTION 5 : INZEGO ZA PSP MU NTARA NO MU MUJYI WA KIGALI</u>
--	--	--

<u>Ingingo ya 36: Inzego za PSP mu Ntara no mu Muji wa Kigali</u> Inzego za PSP mu Ntara n’Umujyi wa Kigali ni izi zikurikira : - Komite y’Intara ; - Inama y’Intara ; - Kongere y’Intara. <u>Ingingo ya 37 : Abagize Komite y’Intara cyangwa Umujyi wa Kigali, uko batorwa na manda yabo</u> Komite y’Intara cyangwa Umujyi wa Kigali igizwe na : - Perezida - Vice – Perezida - Umwanditsi - Umubitsi Abagize Komite y’Intara n’Umujyi wa Kigali bashirwaho na komite nyobozi y’umutwe wa politiki PSP kurwego rw’igihugu bikamenyeshwa biro politiki. Batorerwa manda y’imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro nyinshi. Komite y’Intara iterana nibura rimwe mu kwezi n’igihe cyose bibaye ngombwa. Itumizwa kandi ikayoborwa na komite	<u>Article 36: PSP’s Organs on Province and Kigali City</u> The following are PSP’s organs at Provincial and Kigali City levels: The Provincial/Kigali City Committee; The Provincial/Kigali City Council; The Provincial/Kigali City Congress. <u>Article 37: Members of Provincial or Kigali City Committee their election and mandate</u> The Provincial or Kigali City Committee is comprised of the following: The President; The Vice-President; The Secretary; The Treasurer. The members of the Provincial and City of Kigali Committees are appointed by the Executive Committee of the PSP Political Party at the national level and notified to the Political Bureau. They are elected for a term of five (5) years which can be extended several times. The Provincial Committee meets at least once a month and whenever necessary. It is convened and chaired by the national PSP	<u>Article 36 : Les organes du PSP au niveau du Province et de la Ville de Kigali</u> Les organes du P.S.P au niveau provincial et de la Ville de Kigali sont les suivantes : le Comité provincial/de la Ville de Kigali ; le Conseil provincial/de la Ville de Kigali ; le Congrès provincial/de la Ville de Kigali. <u>Article 37: Elections des membres du Comité provincial ou de la Ville de Kigali et leur mandat</u> Le Comité provincial ou de la Ville de Kigali est constitué : du Président ; du Vice-président ; du Secrétaire ; du Trésorier. Les membres des comités provinciaux et de la ville de Kigali sont nommés par le comité exécutif du parti politique PSP au niveau national et notifiés au bureau politique. Ils sont élus pour un mandat de cinq (5) ans qui peut être prolongé plusieurs fois. Le Comité provincial se réunit au moins une fois par mois et chaque fois que nécessaire. Il est convoqué et présidé par le comité exécutif national PSP
--	--	---

nyobozi ya PSP kurwego rw'igihugu. <u>Ingingo ya 38: Inshingano za Komite y'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali</u> Inshingano za Komite y'Intara n'umujyi wa Kigali ni izi zikurikira : a) Kubahiriza no gushyira mu bikorwa amabwiriza n'ibyemezo by'inzeho zisumbuye ; b) Kugira inama inzeho zisumbuye ihereye ku bitekerezo n'ibyifuzo by'abayoboze bo mu ntara n'umujyi wa Kigali ; c) Kwamamaza amatwara ya PSP mu ntara; d) Gutanga inyigisho za politiki ifatanyije n'indi imitwe ya politiki yemewe mugihugu; e) Guhuza Ibikorwa byose bya PSP mu ntara n'umujyi wa Kigali f) Gukorera Komite nyobozi mu rwego rw'Igihugu raporo y'ibikorwa bya PSP mu ntara ; g) Kwamamaza Abakandida ba PSP mu ntara. <u>Ingingo ya 39: Uko abagize inama y'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali batorwa na manda yabo</u> Inama y'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali igizwe n'aba bakurikira : a) Abagize Komite y'Intara n'umujyi wa	executive committee <u>Article 38: Attributions of Provincial or Kigali City Committee</u> The following are the attributions of the Provincial and Kigali City Committee: Respect and implement the guidelines and decisions from superior organs; Advise superior organs on basis of ideas and recommendations from the members based in the Province or in the Kigali City; Make the propaganda of the Party in the Province/Kigali City; Organise training sessions on political education collaboration with other Political Organisations; nationally recognized; Coordinate all the Party's activities in the Province/Kigali City; Prepare a Provincial/Kigali City progress report to be transmitted to the Executive Committee; Conduct a campaign in favour of the Party's candidates in the Province/Kigali City <u>Article 39: Election of Provincial or Kigali City Council and Mandate</u> The following are members of the provincial or Kigali City Council: The members of the Provincial /Kigali City Committee;	<u>Article 38: Les attributions du Comité provincial et de la Ville de Kigali</u> Les attributions du Comité provincial et celui de la Ville de Kigali sont les suivantes : respecter et mettre en application les directives et décisions des organes hiérarchiques ; conseiller les organes hiérarchiques sur base des idées et des recommandations de la part des membres de la Province ou de la Ville de Kigali; faire la propagande du Parti dans la Province/Ville de Kigali ; assurer les formations sur l'éducation politique en collaboration avec d'autres Formations politiques ; reconnu au niveau national; coordonner toutes les activités du Parti dans la Province/Ville de Kigali ; préparer à l'intention du Comité exécutif le rapport d'activités du Parti dans la Province/Ville de Kigali ; faire la campagne en faveur des candidats du Parti dans la Province/Ville de Kigali. <u>Article 39 : L'élections des membres du Conseil provincial et leur mandat</u> Les membres du Conseil provincial ou de la Ville de Kigali sont les suivants : les membres du Comité provincial ou de la Ville de Kigali ;
--	--	---

Kigali b) Umuyobozi umwe ukomoka muri buri Karere, utorwa n’Inama y’Akarere. c) Uhagarariye Urubyiruko n’uhagarariye Abari n’Abategarugori. Abagize Inama y’Intara batorwa na Kongere y’Intara cyangwa Umujyi wa Kigali. Batorerwa manda y’imyaka itanu(5) ishobora kongerwa inshuro nyinshi. Inama y’Intara cyangwa umujyi wa Kigali itumirwamo Abayoboze ba PSP bo mu rwego rw’ubuyobozi bakomoka muri iyo Ntara cyangwa Umujyi wa Kigali. Inama y’Intara cyangwa Umujyi wa Kigali itumirwa kandi ikayoborwa na Perezida wa PSP mu rwego rw’Intara cyangwa umujyi wa Kigali. <u>Ingingo ya 40: Inshingano z’Inama y’Intara cyangwa Umujyi wa Kigali</u> Inshingano z’inama y’Intara cyangwa umujyi wa Kigali ni izi zikurikira : a) Gutegura inama za kongere y’intara n’umujyi wa Kigali ; b) Kugira inama inzego zisumbuye za PSP kuri politiki ikwiye gukurikizwa ; c) Gukurikirana uko komite y’intara ishyira mu bikorwa ibyemezo bya kongere y’Intara n’iby’Inzego nkuru za PSP	One member leader from each District, elected by the District Council; A youth’s and a women’s representative The members of the Provincial/Kigali City Council are elected by the Provincial/Kigali City Congress for a five-year (5) term renewable several times. The Party members, originating from the Province or the City of Kigali, attend the meeting of the Provincial Council or that of the City of Kigali. The meeting of the Provincial Council or that of the City of Kigali shall be convened and chaired by the Party Chairperson at provincial or Kigali City level. <u>Article 40: Attributions of Provincial Council or Kigali City</u> The following are the attributions of the Provincial Council or that of the City of Kigali: Prepare the meetings of the Provincial /Kigali City Congress; Advise the Party’s superior organs about the appropriate politics to be followed; Monitor how the Provincial/Kigali City Committee implements the decisions of the Provincial /Kigali City Congress and those of the Party’s superior organs;	un seul membre dirigeant en provenance de chaque District, élu par le Conseil de district ; un représentant de la jeunesse et une représentante des femmes. Les membres du Conseil provincial/de la Ville de Kigali sont élus pour un mandat de cinq (5) ans renouvelables plusieurs fois. Ils sont élus par le Congrès provincial ou celui de la Ville de Kigali. Participent à la réunion du Conseil provincial ou de la Ville de Kigali les membres du Parti, originaires de ladite Province ou de la Ville de Kigali. La réunion du Conseil provincial ou de la Ville de Kigali est convoquée et présidée par le Président du Parti au niveau provincial ou de la Ville de Kigali. <u>Article 40 :Attributions du Conseil provincial ou de la Ville de Kigali</u> Les attributions du Conseil provincial ou de la Ville de Kigali sont les suivantes : préparer les réunions du Congrès provincial/de la Ville de Kigali ; conseiller les organes hiérarchiques du Parti sur la politique convenable à suivre ; faire le suivi de la manière dont le Comité provincial/de la Ville de Kigali met en œuvre les décisions du Congrès provincial/de la Ville de Kigali et celles des organes supérieurs du Parti ;
---	---	--

d) Kwamamaza amatwara ya PSP bafatanyije na Komite y'Intara e) Gukurikirana imyitwarire n'imikorere y'abayobohe ba PSP no gufatira ibyemezo abagaragayeho amakosa f) Kwemeza Imishinga yakorwa mu rwego rw'intara ; g) Kwemeza abakozi mu rwego rw'Intara. <u>Ingingo ya 41: Abagize Kongere y'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali</u> Kongere y'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali igizwe n'bagize inama y'Intara cyangwa umujyi wa Kigali, abagize komite ya buri Karere, umuntu umwe uhagarariye urubyiruko n'uhagarariye abari n'Abategarugori <u>Ingingo ya 42: Inshingano za Kongere y'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali</u> Inshingano za Kongere y'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali ni izi zikurikira: a) Gutora abagize Komite y'Intara n'Inama y'Intara cyangwa bagize izo nzego mu Mujyi wa Kigali;	Make the propaganda of the Party in collaboration with the Provincial /Kigali City Committee; Make the propaganda of the Party in collaboration with the Provincial /Kigali City Committee; Follow closely Party members' behaviours and performance and take disciplinary measures against those convicted of having committed offences; Approve the Projects to be implemented at Provincial/Kigali City level; Approve staff members at Provincial/Kigali City level <u>Article 41: Members of Provincial Congress or the Kigali City</u> The Provincial Congress or the Kigali City Congress is comprised of: the members of the Provincial Council or that of the City of Kigali; District Committee members; a youth's and a women's representative at the level of this organ. <u>Article 42: Attributions of the provincial Congress and those of Kigali City</u> The following are the attributions of the Provincial Congress and that of the City of Kigali: Elect the members of the Provincial /Kigali City Committee and the Provincial /Kigali City	faire la propagande du Parti en collaboration avec le Comité provincial/ de la Ville de Kigali ; faire le suivi des comportements et de la performance des membres du Parti et prendre des mesures disciplinaires à l'encontre de ceux reconnus coupables d'avoir commis des fautes ; approuver les projets à exécuter au niveau provincial/de la Ville de Kigali ; approuver les employés au niveau provincial/de la Ville de Kigali <u>Article 41 : Les membres du Congrès provincial ou de la Ville de Kigali</u> Le Congrès provincial ou le Congrès de la Ville de Kigali est constitué : des membres du Conseil provincial ou du Conseil de la Ville de Kigali ; des membres du Comité de chaque district ; d'un représentant de la jeunesse et d'une représentante des femmes au niveau de cet organe. <u>Article 42 : Les attributions du Congrès provincial et de la Ville de Kigali</u> Les attributions du Congrès provincial et de celui de la Ville de Kigali sont les suivantes : élire les membres du Comité provincial/de la Ville de Kigali et du Conseil provincial/de la
--	---	--

b) Gusuzuma ibibazo byose bireba imibereho ya PSP mu rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali; c) Gutanga ibitekerezo ku byatuma PSP ikora neza mu Ntara no mu mujyi wa Kigali; d) Kwemeza raporo y'umwaka ireba ibikorwa bya PSP; e) Gufata ibyemezo byatuma PSP ikora neza mu Ntara cyangwa mu Mujyi wa Kigali. Kongere y'Intara cyangwa umujyi wa Kigali iterana rimwe mu mezi 20 n'igihe cyose bibaye ngombwa, itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa PSP mu ntara cyangwa mu mujyi wa Kigali. <u>ICYICIRO CYA 6 : INZEGO ZA PSP MU RWEGO RW'IGIHUGU</u> <u>Ingingo ya 43: Inzego za PSP ku rwego rw'Igihugu</u> Inzego za PSP mu rwego rw'Igihugu ni izi zikurikira:	Council; Handle all issues pertaining to the life of the Party at Provincial or Kigali City level; Express opinions about initiatives to be taken to enable the Party to better operate in the Province or in the City of Kigali; Approve the annual progress report on the Party's activities; Make decisions likely to help the Party operate better in the Province and in Kigali City. The Provincial Congress or that of the Kigali City meets once every two (2) years and whenever required. It shall be convened and chaired by the Party Chairperson at Provincial or Kigali City level. <u>ICYICIRO CYA 6 : PSP'S ORGANS AT NATIONAL LEVEL</u> <u>Article 43: PSP's organs at national level</u> The following are PSP's organs at national level: a) The National Congress;	Ville de Kigali; examiner toutes les questions relatives à la vie du Parti au niveau provincial ou de la Ville de Kigali ; exprimer les opinions sur les initiatives à prendre pour permettre au Parti de mieux fonctionner dans la Province ou dans la Ville de Kigali ; approuver le rapport annuel d'activités du Parti ; prendre les décisions pouvant aider le Parti à mieux fonctionner dans la Province et dans la Ville de Kigali. Le Congrès provincial ou celui de la Ville de Kigali se réunit une (1) fois les deux (2) ans et autant de fois que de besoin. Il est convoqué et présidé par le Président du Parti au niveau Province ou de la Ville de Kigali. <u>ICYICIRO CYA 6: LES ORGANES DU P.S.P AU NIVEAU NATIONAL:</u> <u>Article 43 : Les organes du PSP au niveau National</u> Les organes du P.S.P au niveau national sont les suivants : a)le Congrès national ;
--	---	--

a) Kongere y'Igihugu ; b) Biro Politiki ya PSP ; c) Inama y'Igihugu ; d) Komite Nyobozi ya PSP ; e) Urwego rushinzwe kunga no gukemura impaka, gusuzuma amakimbirane hagati y'abayoboke no gusobanura amategeko f) Urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo mu mutwe wa politiki PSP <u>Ingingo ya 44: Kongere y'Igihugu</u> Kongere y'Igihugu igizwe n'aba bakurikira : a) Abagize Komite Nyobozi ya PSP ; b) Abagize Inama z'Intara zose n'Umujyi wa Kigali ; c) Abahagarariye urubiruko, Abari n'Abategarugori d) mu Ntara zose n'Umujyi wa Kigali Kongere y'Igihugu itumizwamo, ku buryo bw'indorezezi, abayoboke bari mu nzego z'ubuyobozi zikomeye. Kongere isanzwe ya PSP iterana byibura inshuro imwe mu myaka ibiri. Ishobora gutumizwa igihe cyose bibaye ngombwa mu nama idasanzwe. Kongere y'Igihugu itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa	b) The Party's Political Bureau; c) The National Council; d) The Party's Executive Committee; e) The organ in charge of mediation and conflict resolution, examination of misunderstandings between members and interpretation of its statutes and internal rules and regulation. f) PSP Policy Asset Management Unit <u>Article 44: National Congress</u> The national Congress is comprised of: a) the members of the Party's Executive Committee; b) the members of all the Provincial Councils and those of the Council of the City of Kigali; c) youth's and women's representatives from all Provinces and from Kigali City The National Congress shall invite as observers the members of the national organs. The Party's Ordinary Congress meets once every two (2) years. It may be convened in extraordinary session whenever required. The National Congress shall be convened and chaired by the Party's Chairperson at national level. The National Congress is the supreme organ of the Party.	b)le Bureau politique du Parti ; c)le Conseil national ; d)le Comité exécutif du Parti ; e) L'organe chargé de la médiation et de la résolution des conflits, de l'examen des différends nés entre les membres ainsi que de l'interprétation de ses statuts et règlement d'ordre intérieur. F)Unité de gestion des actifs des politiques PSP <u>Article 44 : Le Congrès National</u> Le Congrès national est constitué : a) des membres du Comité exécutif du Parti ; b) des membres de tous les Conseils provinciaux et de la Ville de Kigali ; c) des représentants de la jeunesse et des représentantes des femmes dans toutes les provinces et dans la Ville de Kigali. Le Congrès national invite à titre d'observateurs les membres des organes nationaux. Le Congrès ordinaire du Parti se réunit une fois les deux (2) ans. Il peut être convoqué en assemblée extraordinaire autant de fois que de besoin. Le Congrès national est convoqué et présidé par le Président du Parti au niveau national. Le Congrès national est l'organe suprême du Parti.
---	--	---

PSP mu rwego rw'Igihugu. Kongere y'Igihugu ni rwo rwego rw'ikirenga rw'ishyaka. <u>Ingingo ya 45: Inshingano za Kongere y'Igihugu</u> Inshingano za Kongere y'Igihugu n'izi zikurikira : a) Gutora abagize Komite Nyobozi ; b) Gutanga umukandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika no ku mwanya w'Ubudepite na Senateri ; c) Kwemeza politiki rusange ya PSP ; d) Gufata burundu ibyemezo bya PSP ; e) Kwemeza gahunda z'ibikorwa bya PS f) Kugira icyo ivuga ku bireba PSP byose. g) Kuvugurura amategeko shingiro awugenga cg kuwusesa <u>Ingingo ya 46: Biro Politiki ya PSP</u> Biro Politiki ya PSP igizwe na :	<u>Article 45: Attributions of the National Congress</u> The following are the attributions of the National Congress: Elect the members of the Executive Committee; Provide a candidate for presidential elections and candidates for legislative and senatorial elections; Determine the Party's general politics; Confirm the Party's decisions; Approve the Party's activity programmes; Express opinions about all the issues concerning the Party. Modification of its regulations <u>Article 46: Political Bureau of PSP</u> PSP's Political Bureau is comprised of:	Article 45 : Les attributions du Congrès National Les attributions du Congrès national sont les suivantes : élire les membres du Comité exécutif ; présenter un candidat aux élections présidentielles et des candidats aux élections législatives et sénatoriales ; déterminer la politique générale du Parti ; entériner définitivement les décisions du Parti ; approuver les programmes d'activités du Parti ; exprimer son avis sur toutes les questions concernant le Parti. Modifier ces lois et règlements Article 45 : Le Bureau politique de PSP Le Bureau politique du P.S.P est constitué :
--	---	--

a) Abari muri Komite nyobozi mu rwego rw'igihugu; b) Abari muri komite z'intara n'umujyi wa Kigali; c) Abayoboze babiri batorwa n'Inama ya buri ntara n'Umujyi wa Kigali. Biro Politiki ya PSP itumizwamo ku buryo bw'indorerezi abayoboze bo mu nzego z'ubuyobozi zikomeye ariko umubare wabo ntushobora kurenga kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Biro Politiki. Biro politiki iterana rimwe mu mezi 6. Inama zidasanzwe zayo zitumirwa igihe cyose bibaye ngombwa. Inama za Biro Politiki ziyoborwa kandi zitumizwa na Perezida wa PSP mu rwego rw'Igihugu amaze kubyumvikanaho na Komite y'Igihugu cyangwa iyo bisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Biro Politiki. <u>Ingingo ya 47:</u> Inshingano za Biro Politiki ya PSP	the members of the National Executive Committee; the members of Provincial Committees and the Kigali City Committee; Two members elected by each Provincial Council and that of the City of Kigali. PSP's Political Bureau invites as observers members elected to responsibility positions in the organs of which they are members. However, in no way shall their number exceed one third (1/3) of the Political Bureau members. The Political Bureau meets once every six (6) months. Its extraordinary meetings are convened whenever required. The Party's Chairperson at national level convenes and chair Political Bureau meetings after mutual consent with the National Committee or upon request from one third (1/3) of the members of the Political Bureau members. <u>Article 47:</u> Attributions of the political Bureau	des membres du Comité exécutif national ; des membres des Comités provinciaux et du Comité de la Ville de Kigali ; de deux membres élus par le Conseil de chaque province et celui de la Ville de Kigali. Le Bureau politique du P.S.P invite à titre d'observateurs les membres élus aux postes de responsabilité dans les organes dont ils font partie. Toutefois, leur nombre ne peut pas dépasser un tiers (1/3) des membres du Bureau politique. Le Bureau politique se réunit une (1) fois les six (6) mois. Ses réunions extraordinaires sont convoquées autant de fois que de besoin. Les réunions du Bureau politique sont convoquées et présidées par le Président du Parti au niveau national après consentement mutuel avec le Comité national ou sur demande d'un tiers (1/3) des membres du Bureau politique. <u>Article 47 :</u> Attributions du Bureau Politique
---	--	--

Inshingano za Biro Politiki ya PSP n'izi zikurikira: a) Gutegura politiki ya PSP; b) Kugena uburyo abayoboke ba PSP baritera inkunga; c) Gushyiraho za komisiyo zihariye za PSP; d) Kugena no kugenzura imikorere y'izo komisiyo no kwemeza raporo zazo; e) Kuvugurura amategeko ngengamikorere ya PSP; f) Kwemeza amategeko agenga abakozi ba PSP; g) Kwemeza ingengo y'Imari ya PSP; h) Gutegura no gushyikiriza raporo ya PSP Kongere y'Igihugu. - i) <u>Ingingo ya 48:</u> Inama y'Igihugu ya PSP Inama y'Igihugu ya PSP igizwe na:	The attributions of the Political Bureau are as follows: Conceive the Party's general politics; Determine how the members of the Party can support it; Establish the Party's ad hoc Commissions; Determine and supervise the functioning of such ad hoc Commissions and approve their reports; Amend the Party's Internal Rules and Regulations; Approve the Internal Rules and Regulations governing the Party's staff; Approve the Party's budget; Prepare and submit to the National Congress the Party's report. <u>Article 48:</u> The National Committee of PSP The National Committee of the Party is comprised of:	Les attributions du Bureau politique sont les suivantes : concevoir la politique générale du Parti ; déterminer la manière dont les membres du Parti peuvent l'appuyer ; mettre en place les Commissions ad hoc du Parti ; déterminer et superviser le fonctionnement desdites Commissions ad hoc et approuver leurs rapports ; modifier le Règlement d'ordre intérieur du Parti ; approuver le Règlement d'ordre intérieur régissant les employés du Parti ; approuver le budget du Parti ; Préparer et transmettre le rapport du Parti au Congrès national. <u>Article 48 :</u> Le Conseil National de PSP Le Conseil national du Parti est constitué : des membres du Comité exécutif ;
---	--	--

